STUDENT FINANCING
AGENCY FOR RWANDA

AGENCE RWANDAISE DE
FINANCEMENT DES ETUDIANTS

B.P. 3667, Kigali - Rwanda
Tel: +250 - 580293/4
Fax: +250 - 580292
email: infosfar@mineduc.gov.rw
info@sfar.gov.rw
website: www.sfar.gov.rw

ITANGAZO N°025/SFAR/pb/12/2009

Kurivuga inshuro enye (4)

BURUSE Z'UBUTWERERANE Z'IGIHUGU CY'UBUBILIGI

Ubuyobozi bwa **STUDENT FINANCING AGENCY FOR RWANDA** (SFAR) buramenyesha abantu bose babyifuza ko mu rwego rw'ubutwererane hagati y'igihugu cy'u Bubirigi n'u RWANDA, icyo gihugu cyageneye u RWANDA buruse zo kwiga mu mwaka w'amashuri **2010-2011** mu Bubirigi. Izo buruse ziri mu byiciro bya Master's na PhD.

Abifuza izo buruse bagomba guhitamo muri ibi bikurikira :

- Ubuzima (Santé)
- Ubutabera n'Imiyoborere (Justice/ Governance)
- Kwihaza mu biribwa (Sécurité alimentaire)
- Uburezi (Education)
- Ibikorwa remezo (Infrastructure de base)

Abifuza icyiciro cya Master's bagomba kuba bujuje ibi bikurikira :

- Kuba ari umunyarwanda, akora kandi aba (atuye) mu Rwanda,
- Kuba atarengeje imyaka mirongo itatu n'itanu (35) y'amavuko,
- Kuba afite Impamyabumenyi y'icyiciro cya Kabiri cya Kaminuza (License),
- Kuba afite uburambe ku kazi byibura bw'imyaka ibiri (2) nyuma y'aho arangirije kaminuza,
- Kuba ibyo ashaka kwiga bijyanye n'ibyo akora cyangwa ibyo yize,
- Kuba asaba amasomo atarengeje imyaka ibiri (2),
- Kuba agaragaza neza icyo agiye kwiga kandi yaratangiye imishyikirano n'ishuri yifuza kwigamo afite byibura icyemezo cy'uko yanditswe by'agateganyo (inscription provisoire),
- Kuba isoma ashaka ntaho riboneka mu Rwanda no mu karere u Rwanda ruherereyemo,
- Kuba yumva kandi yandika neza ururimi azigamo,
- Kuba asaba isomo rimwe(1) gusa,
- Kugaragaza ko nta bushobozi afite bwo kwiyishyurira amasomo yifuza gukurikira,
- Kuba umufasha we nta buruse afite.

Abifuza icyiciro cya Doctorat (PhD) bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari umunyarwanda, akora kandi aba (atuye) mu Rwanda,
- Kuba atarengeje imyaka mirongo ine (40) y'amavuko,
- Kuba afite impamyabushobozi yo mu cyiciro cya Master's,
- Kuba afite uburambe mu kazi byibura bw'imyaka ibiri mu mashuri makuru na kaminuza cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi,
- Kugaragaza gahunda y'ubushakashatsi ihamye ariko ishobora guhindurwa igihe icyo aricyo cyose,
- Kugaragaza ko nta bushobozi afite bwo kwiyishyurira amasomo yifuza gukurikira,
- Kuba umufasha we nta buruse afite.

Dosiye yuzuye igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

- Form isaba iyi buruse (iboneka kuri SFAR no kuri www.diplomatie.be/kigali , Service, Cooperation)
- Icyemezo cy'amavuko cyangwa icy'itariki n'aho wavukiyeho,
- Icyemezo cy'ubwenegihugu (Certificat de citoyenneté)
- Kopi y'inyemezamanota (Bulletins) z'imyaka itatu ya nyuma y'amashuri yisumbuye n'iza kaminuza (relevés officiels) zose biriho umukono wa noteri.
- Kopi y'impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye n'iya kaminuza biriho umukono wa noteri,
- Recommendation forms z'abarimu 2 n'iy'umukoresha (ziboneka kuri SFAR)
- Inyandiko igaragaza ibigamijwe kuzakorwa (projet d'intentions professionnelles) y'amagambo 750 ku basaba kwiga icyiciro cya 2 (Masters) n'inyandiko y'ubushakashatsi (Projet de recherche) ku basaba kwiga icyiciro cya 3 (PhD)
- Umwirondoro mugufi (Bref CV)
- Kopi y'igitabo cy'ubushakashatsi bwakozwe mu cyiciro cya 2 (Thèse) ku basaba kwiga icyiciro cya 3 (PhD).

Icyitonderwa :

1. Amadosiye yujuje ibyangombwa niyo azemerwa mu rwego rw'ijonjora
2. Umukandida wese agomba gukora dosiye yuzuye igizwe na kopi eshanu (harimo na formulaire zujujwe)
3. Dosiye zuzuye zisaba izo buruse zigomba kuba zageze ku biro bya SFAR i Remera bitarenze kuwa gatanu tariki 12/03/2010 saa kumi n'imwe (17h00).

Bikorewe i Kigali kuwa 24/12/2009

P. O

Emmanuel Mũvunyi
Umuyobozi Mukuru